RWANDA SCOUTS ASSOCIATION
(R.S.A)
P.O. Box 775 KIGALI – RWANDA
Phone: +250784669246
Email: info@rwandascout.org

Kigali, ku wa 24/11/ 2021

Ref: Circular RSA - 24/11/2021

Muskuti,

Muyobozi w'Abaskuti

**Impamvu**: ***Politike y'imitangire y' umusanzu w'Umunyamuryango w'Umuryango w 'Abaskuti mu Rwanda***

Muraho,

Ubuskuti - Imbere Heza

Tunejejwe no kubageza inyandiko isobanura uko umusanzu w'umunyamuryango wa Rwanda Scouts Association ungana n'uko uzajya utangwa ndetse n'ibyangombwa bizajya bihabwa uwawutanze. Politike y umusanzi ni uburyo bumwe buzifashishwa kugira ngo haboneke ubushobozi bw'amafangara azajya afasha mu ishyirwa mu bikorwa bya gahundaza zitandukanye z'Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda

Tuboneyeho kubashikariza inyandiko zijyanye no gutangira gushyira mu bikorwa iyi gahunda kugira ngo bidufashe kugera ku musaruro witezwe muri urwo rwego. Inyandiko y'iyi politike murayisanga ku mugereka w'iti baruwa.

**Icyitonderwa**

Nk'uko bigaragara muri iyo politike umusanzu w'umwaka wa 2022 uzatangwa bitarenze ku wa 31 Mutarama 2022 hanyuma Rwanda Scouts Association ikazageza amakarita ku Buyobozi bw'abaskuti muri buri Karere bitarenze ku wa 15 Gashyantare2022, Ubuyobozi bw'Abaskuti muri buri Karere na bwo buzaba bwamaze guha amakarita abaskuti batanze umusanzu ibyangombwa byabo bitarenze igihe cy'Icyumweru cy'Ubuskuti kizasorezwa.

Murakoze

**Virgile UZABUMUGABO**

**Komiseri Mukuru**

**Rwanda Scouts Association**

RWANDA SCOUTS ASSOCIATION
(R.S.A)
P.O. Box 775 KIGALI – RWANDA
Phone: +250784669246
Email: info@rwandascout.org

**AMABWIRIZA Y'ITANGWA RY'UMUSANZU W'UMUNYAMURYANGO W'ABASKTI MU RWANDA**

## 1. Intangiriro

Ingingo ya 13 y'Amategeko Ngengamikorere ya Rwanda Scout Association ivuga ko Umunyamuryango wa RSA agomba gutanga umusanzu wa buri mwaka. Iki ni kimwe mu bimenyetso byerekana ko umunyamuryango awurimo neza kandi yiyemeza gufatanya n'abandi kuwuteza imbere. Mu byo Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda ukeneramo ubushobozi bw'amafaranga kugira ngo ubashe gukora neza ibikorwa biteza imbere uburere bw' urubyiriko harimo: Gutegura, kwandika, gusakaza ibitabo by'inyigisho z'abaskuti, guhugura abayobozi mu nzego zitandukanye, guhemba abakozi, gukora inama zitandukanye zishyiraho imirongo migari ituma ubuskuti bugenda neza, gutanga ibyangombwa n'ibirango abanyamuryango bakenera, kwishyur imisanzu Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda ubereye umunyamuryango n'ibindi. Bityo umuryango ukabaho kandi ukabona uko ukora ibijyanye n'intego zawo.

Dushingiye ku bikorwa umuryango w'abaskuti uteganya gukora kuva ku rwego rw'umutwe kugeza ku rwego rw'igihugu ndetse n'ubushobozi bikenera bw'amafaranga, hagenwe uburyo bwo gutanga umusanzu uzajya ufasha Umuryango w'Abaskuti mu Rwanda kubikora, bityo bakabasha kugera ku ntego umuryango wihaye.

## 2. Uko umusanzu uzajya utangwa

Umuyobozi w'Umutwe azajya akusanya umusanzu w'abaskuti ayoboye hanyuma namara kubona bose bamaze kuwutanga azajya awushyira kuri Konte: Rwanda Scouts Association membership fee **N0 00042-06954910-17** iri muri Banki ya Kigali cyangwa yishyure kuri Momo Paye ***182*8*1* 049151#** mu mazina Rwanda Souts Association. Narangizaya kuyatanga azajya akora raporo y'uko umusanzu watanzwe ayishyikirize Umuyobozi w'abaskuti mu Karere Umutwe ukoreramo na we ayigeze ku Cyicaro Gikuru cy'Umuryango.

Umusanzu uzajya utangwa buri mwaka, ukazajya urangira gutangwa muri Nzeri y'umwaka ubanziriza uwo uri gutangirwa.

**Ingano y'umusanzu hashingwe ku kigero umunyamuryango arimo**

**ABARERWA :**

**Abatoni** : 500 FRW

**Inkesha** : 1,000 RWF

**Abahizi :** 1,000 RWF

**Ingenzi** : 2,000RWF

**ABAREZI**

Abayobozi b'Abaskuti mu Mutwe (UL): 3,000RWF

Abahugura bungirije: 5,000 RWF

Abahugura : 5,000 FRW

**ABAYOBOZI**

Mu Nama y'Ubutegetsi ku Rwego rw'Akarere: 5,000RWF

Inama y'Urubyiruko kurwego rw'Akarere: 3,000RWF

Muri Komisiyo ku rwego rw'Akarere: 5,000RWF

Muri Komisiyo ku rwego rw'Igihugu: 7,000RWF.

Inama y'urubyiruko ku rwego rw'igihugu: 5,000RWF

Inama y'ubutegetsi ku rwego rw'Igihugu ya RSA: 10,000RWF

Abakozi bahembwa: 10,000RWF

Abanyamuryango b'icyubahiro: 10 000 RWF

**ICYITONDERWA**

Umurezi cyangwa umuyobozi ubarizwa ku nzego ny'inshi z'imirimo mu Muryango w'Abaskuti mu Rwanda, azajya atanga umusanzu ku rwego rwisumbuye kurusha izindi.

Ntabwo bibujijwe ko umunyamuryngo ushaka gufasha atatanga ayisumbuyeho Kimwe n'undi wese ushaka gufasha.

Nyuma y'ukwezi igihe cyo gutanga umusanzu kirangiye, 25% y'umusanzu watanzwe mu Karere, azajya asubizwa Akarere kugira ngo kayakoreshe mu mirimo y'umuryango.

Imisanzu ikimara kugera ku Cyicaro Gikuru cy'Umuryango, hazajya hakorwa ikarita ya buri munyamuryango watanze umusanzu we..

**Ibyihariye umusanzu uzajya ukoreshwa:**

1 Gushyigikira ibikorwa by'ubuskuti muri rusange haba ku rwego rw'Igihugu ndetse no ku rwego rw'Uturere.
2 Ufasha abayobozi gusura abaskuti bishingiye kuri gahunda izajya ishyirwaho n'Inama y'ubutegetsi ku rwego bireba.
3 Kugura ibikoresho, ibirango by'ibanze bikenewe kugira ngo ubuskuti butere imbere.
4 Gutera inkunga abakoze igikorwa cy'indashyikirwa.
5 Gufasha abayobozi kwitabira inama zitandukanye zibareba aho bisaba amafaranga y'urugendo.
6 Gutanga imisanzu aho RSA ibisabwa.

7. Gufasha komisiyo zitandukanye gukora imirimo yazo, hagamijwe iterambere ry'umuryango n'ireme ry'ubuskuti mu Rwanda.
8. Gutegura inama y'Inteko Rusange no kuyikora buri mwaka.

## Ikarita y'Umunyamuryango .

## Ikarita y'abarerwa

Inyuma




IMBERE



Intara
..........................................

Akarere
..........................................

Umurenge
..........................................

Akagari
..........................................

Se : ..........................................
Nyina : ..........................................
N° Tel y'Umubyeyi : ..........................................
Itariki y'amavuko : .........../.........../..........

Izina ry' Umutwe : ..........................................

Inteko (Group): ..........................................

Ikigero :

..........................................

| UMWAKA | YATANZE UMUSANZU |
|---|---|
| 20.. | |
| 20.. | |
| 20.. | |

www.rwandascout.org rwandascout @rwandascout rwandascout

IKARITA Y 'ABAREZI N'ABAYOBOZI B'ABASKUTI

RWANDA SCOUTS ASSOCIATION
P.O.Box : 775 KIGALI-RWANDA
Tel: (+250) 784 669 246
Email: info@rwandascout.org

IKARITA Y'UMUYOBOZI WABASKUTI
ADULTS IN SCOUTING CARD



Name / Amazina : Alexis NSHIMIYIMANA
Position / Icyo Ashinzwe: National Growth Commissioner
Matricule number / Numero Ibaranga: RSA - Gr. C01
Tel : (+250) 788 215 366

Validated 2022

UBUSKUTI ! IMBERE HEZA!

This card is only used for Scouting activities
Iyi karita ikoreshwa mu bikorwa by' Abaskuti Gusa

If you find it please call the available phone number in the front of the card
Uburaguye iyi karita ibutire guhamagara nimero ziyiriho

Signed by
Virgile UZABUMUGABO

**NSHIMIYIMANA Alexis**

**National Growth Commissioner**